

RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT

# UMUSORO KU BYAGUZWE

HERE FOR YOU TO SERVE

## UMUSORO KU BYAGUZWE NI IKI?

Umusoro kubyaguzwe ni umusoro ucibwa kuri bimwe mu bicuruzwa byatumijwe mu mahanga, ibikorerwa mu Rwanda na serivisi zitangwa mu Rwanda ku bipimo by'umusoro biteganywa n'itegeko rishyiraho umusoro ku byaguzwe.

## ISHINGIRO RY'UMUSORO

- Ishingiro ry'umusoro ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga ribarwa hashingiwe ku biteganywa n'itegeko rigenga imicungire ya za gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba,
- Ishingiro ry'umusoro ku gicuruzwa cyakorewe mu Rwanda na serivisi itangwa mu Rwanda ni ikiguzi cy'igicuruzwa cyangwa icya serivisi; Ni amafaranga uwakira igicuruzwa cyangwa serivisi bisoreshwa yishyuye cyangwa agomba kwishyura ukora icyo gicuruzwa cyangwa utanga iyo serivisi, hatabariwemo umusoro ku nyongeragaciro,
- Ishingiro ry'umusoro ku isegereti ni urukomatanye rw'ingano n'igicuruzo byaryo harimo umusoro.

## IGIHE CYO KUMENYEKANISHA NO KWISHYURA UMUSORO

- Umusoro ucibwa ku gicuruzwa kivanywe mu ruganda cyangwa serivisi itanzwe ku bicuruzwa byakorewe mu Rwanda
- Umusoro utangwa nanone ku gicuruzwa kigeze mu bugenzuzi bwa gasutamo, ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga
- Igihe cy'umusoro ni ukwezi gusanzwe
- Usora amenyekanisha kandi akishyura umusoro mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) ikurikira ukwezi gusorerwa ku bicuruzwa byakorewe mu gihugu na serivisi zahatangiwe.
- Umusoro ku gicuruzwa cyatumijwe mu mahanga wishyurirwa rimwe n'amahoro ya gasutamo

## INSHINGANO N'UBURENGANZIRA BY'USORA UMUSORO KU BYAGUZWE

Usora afite inshingano zikurikira:

- Kuzuza ibitabo (igitabo cy'ibyakozwe n'uruganda, igitabo cy'ibyacurujwe, igitabo cy'imirimo irimo gukorwa, igitabo cy'ibikoresho byibanze, n'ibindi... )
- Gushyira itembure y'umusoro ku gicuruzwa gisoreshwa
- Gushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro
- Kuzuza ibitabo by'ibaruramari

Usora afite uburenganzira bwo kwibarira umusoro

**Urutonde rw'ibicuruzwa na serivisi bisoreshwa umusoro ku byaguzwe n'ibipimo by'umusoro**

| Ibicuruzwa | Ibipimo by'umusoro |
|---|---|
| Umutobe uva mu mbuto,imboga n'ibindi bimera wakozwe mu bikoresho fatizo byo mu Gihugu, habariwemo amazi, bingana nibura na 30% by'uburemere bw'ibiwugize. | 10% |
| Undi mutobe uva mu mbuto, imboga cyangwa ibindi bimera | 39% |
| Lemonade, soda n'indi mitobe | 39% |
| Siro zifite impumuro cyangwa zifite amabara n'ibindi bitegurirwa kunyobwa bifungujwe amazi, bimeze nk'ifu cyangwa imbuto | 39% |
| Byeri yenzwe mu bikoresho fatizo byo mu Gihugu, hatabariwemo amazi, bingana nibura na 70% by'uburemere bw'ibiyigize | 40% |
| Izindi byeri | 65% |
| Divayi yenzwe mu bikoresho fatizo byo mu gihugu, hatabariwemo amazi, bingana nibura na 70% by'uburemere bw'ibiyigize | 40% |

| | |
|---|---|
| Izindi divayi, uretse ibikatsi by'umuzabibu bivugwa mu mutwe wa 22.04 w'urutonde rw'ibipimo by'amahoro ya gasutamo ruhuriweho n'ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba | 70% by'agaciro ka litiro katarenze 40.000 FRW |
| Ibyotsi, likeri na wisiki byenzwe mu bikoresho fatizo byo mu Gihugu, hatabariwemo amazi, bingana nibura na 70% by'uburemere bw'ibibigize | 60% |
| Ibindi binyobwa bisembuye | 65% |
| Ibindi binyobwa birimo inzoga bikozwe mu bikoresho fatizo byo mu Gihugu | 30% |
| Ibindi byotsi, likeri na wisiki | 70% by'agaciro ka litiro katarenze 150.000 FRW |
| Isegereti | 36% by'igicuruzo cy'ipaki y'amasegereti 20 hongeweho 230 FRW kuri buri paki habariwemo umusoro. |
| Ikigoma n'ibisa na cyo bigizwe n'itabi cyangwa ibisimbura itabi | 160% |
| Isegereti koranabuhanga | 30.000 FRW kuri buri segereti |
| Agacupa karimo amazi yifashishwa mu isegereti koranabuhanga | FRW 24.400 kuri buri gacupa |
| Lisansi (itari iy'indege) | FRW 183/ilitiro |
| Mazutu | FRW 150/ilitiro |
| Amavuta yo mu byuma | 37 % |
| Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri munsi ya 1500 cc cyangwa ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mberabyombi kitarengeje imyaka itatu kivuye mu ruganda | 5% |
| Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hagati ya 1500 na 2500 cc cyangwa ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mberabyombi kirengeje imyaka itatu ariko kitarengeje imyaka umunani kivuye mu ruganda | 10% |
| Imodoka zifite moteri zifite ubushobozi buri hejuru ya 2500 cc cyangwa ikinyabiziga kigendeshwa na moteri mberabyombi kirengeje imyaka umunani kivuye mu ruganda | 15% |
| Bombo na shikareti | FRW 322/kg |
| Shokora | FRW 1.930/kg |
| Ibikoresho byifashishwa mu kwisiga, kwitera no kongera ubwiza | 15% |
| Itumanaho rya telefoni | 12% mu mwaka wa mbere nyuma y'itangira ry'itegeko |
| | 14% kuva ku mwaka wa kabiri |
| | 15% kuva ku mwaka wa Gatatu |
| Amafaranga cyangwa umufuragiro ucibwa ku ihererekanya ry'amafaranga | 15% |

## IBYIHARIYE BIDASABWA UMUSORO KU BYAGUZWE

Ibi bikurikira ntibisabwa uyu musoro:

- Ibicuruzwa bigenewe imiryango y'ubugiraneza
- Imodoka zateranyirijwe mu Rwanda
- Imodoka bwite y'umudiplomate ucyuye igihe
- Imodoka imwe y'Umunyarwanda ugarutse mu gihugu wujuje ibisabwa n'amategeko ya gasutamo
- Ibyiciro byihariye by'imodoka:
  - Minibus & & Bisi zifite imyanya ingana cyangwa iruta cumini n'ine(14)
  - Amakamyo, pickups (cabin imwe)
  - Amakamyo akonjesha (refrigerated trucks)
  - Imodoka z'abakerarugendo
  - Ambulansi
  - Imodoka zagenewe abafite ubumuga
- Ibicuruzwa bikorewe koherezwa hanze
- Ibicuruzwa bigurishwa mu maduka adasabwa imisoro cyangwa abandi bantu bemerewe n'amategeko

**Amakosa, ibyaha n'ibihano**

Kutuzuza igitabo cyandikwamo amatembure y'umusoro cyangwa kudashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro icyegeranyo cy'imikoreshereze y'amatembure y'umusoro ku gihe bihanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari munsi ya FRW 1.000.000 ariko itarenze FRW 2.000.000

**Gukora ibyaha byerekeye imikoreshereze y'amatembure y'umusoro :**

- Bihanishwa igifungo kitari munsi y'amezi 6 ariko kitarenze umwaka 1 n'ihazabu itari munsi ya FRW 1.000.000 ariko itarenze FRW 2.000.000 cyangwa kimwe muri ibyo bihano.
- Iyo atari umuntu ku giti cye, ahanishwa ihazabu itari munsi ya FRW 5.000.000 ariko itarenze FRW 10.000.000.
- Iyo icyaha cyongeye gukorwa mu gihe kitarenze imyaka ibiri ihazabu yikuba inshuro ebyiri

## ICYITONDERWA

1. Inyandiko zikubiye muri izi nyigisho ntizisimbura itegeko kuberako zikozwe mu buryo bworoshya imvugo no korohereza abasoma izi nyigisho.
2. Ukeneye inyito zo mu itegeko n'ibisobanuro birambuye wasoma itegeko rikurikira;

Itegeko nº 011/2025 ryo ku wa 27/05/2025 rishyiraho umusoro ku byaguzwe: https://www.rra.gov.rw/fileadmin/user_upload/Law_on_Excise_Duty_May_2025.pdf